RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2024** Tariki 10-14 Gicurasi




## P.1 Football : APR FC yashyirijwe igikombe cya shampiyona 2023-2024

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football :** APR FC yashyirijwe igikombe cya shampiyona 2023-2024

P2 **Basketball :** Habaye imikino ya shampiyona

P2 **Rugby :** Habaye imikino y'umunsi wa kabiri mu bagore

P3 **Volleyball :** GS St Aloys na Nyanza TSS zegukanye "FRVB Junior League 2024"

P4 **ARPST:** Immigration VC na MoD VC zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

P4 **Athletics :** Ikipe y'u Rwanda yegukanye umudali muri shampiyona y'Isi

P5 **BAL 2024 :** APR BBC ntiyashoboye kubona itike y'imikino ya nyuma

P6 **Athletics :** Sina Gerard AC na Police AC zegukanye shampiyona y'igihugu

P6 **Cycling :** Mwamikazi Djazilla yegukanye imidali ibiri ya Feza muri Maroc

P7 **Cycling :** Hakinwe umunsi wa 5 wa "Youth Racing Cup 2024"

# 1 **Football :** APR FC yashyirijwe igikombe cya shampiyona 2023-2024

Tariki 09 kugeza 12 Gicurasi 2024 ni bwo habaye imikino y'umunsi wa nyuma wa 30 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Ikipe ya APR FC yegukanye igikombe habura imikino itatu yashyirijwe igikombe cya shampiyona 2023-2024 yegukanye ku nshuro ya 22 kuva yashingwa mu 1993.

**Uko imikino yagenze**


PRIMUS NATIONAL LEAGUE

RESULTS
MATCHDAY 30

| | | |
|---|---|---|
| **THURSDAY, 9th MAY 2024** | | |
| AS KIGALI | 1-0 | MUHAZI UNITED |
| **FRIDAY, 10th MAY 2024** | | |
| GASOGI UNITED | 1-0 | ETINCELLES FC |
| **SATURDAY, 11th MAY 2024** | | |
| GORILLA FC | 2-1 | MUKURA VS |
| KIYOVU SPORTS | 1-0 | RAYON SPORTS |
| SUNRISE FC | 3-1 | MARINES FC |
| ETOILE DE L'EST | 0-3 | BUGESERA FC |
| **SUNDAY, 12th MAY 2024** | | |
| APR FC | 1-1 | AMAGAJU FC |
| MUSANZE FC | 1-0 | POLICE FC |

StarTimes

@RWANDAPREMIERLEAGUE @RwandaLeague @rwanda.premier.league


PRIMUS NATIONAL LEAGUE

TABLE
DAY 30

| POS | CLUB | PG | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|
| 1 | APR FC | 30 | 30 | 68 |
| 2 | RAYON SPORTS | 30 | 17 | 57 |
| 3 | MUSANZE FC | 30 | 10 | 53 |
| 4 | MUKURA VS | 30 | 7 | 47 |
| 5 | AS KIGALI | 30 | 1 | 45 |
| 6 | KIYOVU SPORTS | 30 | 4 | 44 |
| 7 | POLICE FC | 30 | 1 | 39 |
| 8 | AMAGAJU FC | 30 | -1 | 39 |
| 9 | GASOGI UNITED | 30 | -3 | 36 |
| 10 | GORILLA FC | 30 | -7 | 35 |
| 11 | MARINES FC | 30 | -10 | 35 |
| 12 | MUHAZI UNITED | 30 | -8 | 33 |
| 13 | BUGESERA FC | 30 | 2 | 32 |
| 14 | ETINCELLES FC | 30 | -9 | 32 |
| 15 | SUNRISE FC | 30 | -15 | 32 |
| 16 | ETOILE DE L'EST | 30 | -19 | 31 |

StarTimes

@RWANDAPREMIERLEAGUE @RwandaLeague @rwanda.premier.league









## **Basketball :** Habaye imikino ya shampiyona

Tariki 11 na 12 Gicurasi 2024 habaye imikino ya shampiyona ya Baskeball "Rwanda Basketball League 2024" mu cyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore ndetse n'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**
**Icyiciro cya mbere**
**Mu bagabo**
**Tariki 11-05-2024**

- Kigali Titans **80-106** Kepler BBC
- Espoir BBC **88-87** Tigers BBC

**Mu bagore**
**Tariki 11-05-2024**

- GS Gahini **53-60** GS Marie Reine
- APR BBC **67-52** EAUR
- REG BBC **88-69** IPRC Huye

**Icyiciro cya kabiri**
**Mu bagabo**
**Tariki 11-05-2024**

- The Hoops **40-83** Keplerian
- Flame **77-74** Greater Virunga
- Agahozo **73-90** Azomco
- IPRC Musanze **20- 0** Nyagatare
- IPRC Huye **94-47** Black Thunder
- Kicukiro Backet **60-67** ITS Kigali

**Tariki 12-05-2024**

- UR Kigali 78-73 EAUR
- UR Huye 81-47 Rebero BA
- RP Kigali **114-61** UoK







## **Rugby :** Habaye imikino y'umunsi wa kabiri mu bagore

Tariki 11 Gicurasi 2024, i Mururu mu Karere ka Rusizi habereye umukino w'umunsi wa kabiri muri shampiyona y'icyicirico cya mbere mu bagore.

Uyu mukino wahuje ikipe ya Resilience RFC na Ruhango Zebras RFC urangira ikipe ya Ruhango Zebras RFC yitwaye neza aho yatsinze ibitego 34 kuri 0.







# **Volleyball :** GS St Aloys na Nyanza TSS zegukanye “FRVB Junior League 2024”

Tariki 12 Gicurasi 2023 i Rwamagana muri GS St Aloys, habereye imikino ya nyuma ya “FRVB Junior League 2024” mu bahungu n’abakobwa.

Mu bakobwa, ikipe ya GS St Aloys Rwamagana yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma Shangi amaseti 3-0( 25-12, 25-22 na 25-10). Ikipe ya ES St Bernadette Kamonyi yegukanye umwanya wa 3 itsinze Wisdom amaseti 3-1 (25-19, 20-25, 25-19 na 25-13).

Mu bahungu, ikipe ya Nyanza TSS yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma ikipe ya Gisagara VA amaseti 3-1  (23-25, 25-20, 25-20 na 25-14). Ikipe ya GSO Butare yegukanye umwanya wa 3 itsinze Christ Roi amaseti 3-0 (28-26,25-16 na 25-13).

















## ARPST : Immigration VC na MoD VC zegukanye irushanwa ryo Kwibuka

Tariki 11 na 12 Gicurasi 2024, ishyirahamwe ry'imikino y'abakozi mu Rwanda "ARPST" ku bufatanye na Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS" na Komite Olempike y'u Rwanda "RNOSC", habaye irushanwa ryo Kwibuka ku nshuro ya 30 abari mu muryango mugari wa siporo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 "ARPST Genocide Memorial Tournament 2024".

Iri rushanwa ryahuje amakipe muri Volleyball mu cyiciro y'abagore n'abagabo ryabereye muri Notre-Dame des Anges i Remera.

Mu bagabo, ikipe ya Immigration VC yegukanye igikombe itsinze ku mukino wa nyuma, NISR VC amaseti 3-2 naho ikipe ya REB VC iba iya 3, ku mwanya wa 4 hasoreza NLA VC.

Mu cyiciro cy'abagore, ikipe ya MoD VC yegukanye igikombe itsinze RRA VC amaseti 3-1. Ikipe ya RBC yegukanye umwanya wa 3 naho WASAC isoreza ku mwanya wa 4.

Mbere y'irushanwa, tariki 10 Gicurasi 2024, habaye urugendo rwo Kwibuka rwatangiriye ku Karere ka Kicukiro rusorezwa ku Rwibutso wa Jenoside yakorewe Abatutsi i Nyanza ya Kicukiro.





## Athletics : Ikipe y'u Rwanda yegukanye umudali muri shampiyona y'Isi

Tariki 10 kugeza 14 Gicurasi 2024 muri Kenya habereye shampiyona y'Isi y'amashuri "ISF World School Cross Country Championship 2024". Iyi mikino yari yitabiriwe n'abakinnyi 481 batarengeje imyaka 18 baturutse mu bihugu 21 byo ku migabane itanu.

Abakinnyi 8 ni bo bari baserukiye u Rwanda barimo 4 mu bakobwa ari bo Niyomugenga Sandrine, Uwitonze Claire, Niringiyimana Valentine na Ntawuvuguruzimana Pelagie na 4 mu bahungu ari bo Sibomuremyi Ephrem, Ishimwe Emmanuel, Niyonsenga Oliver na Nikwigize Jean Louis François.

Ikipe y'u Rwanda mu bakobwa yitwaye neza yegukana umudali w'Umulinga mu gihe ikipe ya Kenya yegukanye umudali wa Zahabu naho Uganda yegukana umudali wa Feza.

Ku ruhande rw'abahungu, ikipe y'u Rwanda yasoreje ku mwanya wa 7.

Iyi mikino yabaye ku nshuro ya 24 ni ubwa mbere ibereye muri Afurika.








# BAL 2024 : APR BBC ntiyashoboye kubona itike y'imikino ya nyuma

Tariki 04 kugeza 12 Gicurasi 2024 i Dakar muri Senegal habereye imikino yo mu itsinda rya 3 "Sahara Conference" mu rwego rwo gushaka itike y'imikino ya nyuma ya BAL 2024.

Iri tsinda ryari rigizwe na AS Douanes (Senegal), US Monastir (Tunisia), Rivers Hoopers (Nigeria) na APR BBC (Rwanda).

Aya makipe yagombaga gukina hagati yayo umukino ubanza n'uwo kwishyura hanyuma ikipe 3 za mbere zikabona itike y'imikino ya nyuma izabera i Kigali kuva tariki 24 Gicurasi kugeza 01 Kamena 2024.

Ikipe ya APR BBC yari ihagarariye u Rwanda nta bwo yabashije kubona itike y'imikino ya nyuma kuko yatsinzwe imikino 4 itsinda 2 isoza ku mwanya wa nyuma mu gihe ikipe ya Rivers Hoopers yasoreje ku mwanya wa mbere ikurikirwa na AS Douanes naho ku mwanya wa 3 haza US Monastir.

Amakipe 12 ni yo yakinnye imikino y'amajonjora aho yari mu matsinda 3, amakipe 8 ni yo yabonye itike yo kuzakina imikino ya nyuma ari yo FUS Rabat (Maroc), Petro De Luanda (Angola), Al Ahly (Égypte), Al Ahly Benghazi (Libye), Cap Town Tigers (South Africa), Rivers Hoopers (Nigeria), US Monastir (Tunisie) na AS Douanes (Sénégal).

**Uko imikino yagenze**

**Tariki 04-05-2024**
- US Monastir **84–89** APR BBC
- AS Douanes **68–77** Rivers Hoopers

**Tariki 05-05-2024**
- APR BBC **82–86** Rivers Hoopers
- AS Douanes **76–59** US Monastir

**Tariki 07-05-2024**
- US Monastir **63–84** Rivers Hoopers
- APR BBC **66–61** AS Douanes

**Tariki 09-05-2024**
- APR BBC **70–83** US Monastir
- Rivers Hoopers **54–56** AS Douanes

**Tariki 11-05-2024**
- Rivers Hoopers **78–71** APR BBC
- US Monastir **75–69** AS Douanes

**Tariki 12-05-2024**
- Rivers Hoopers **62–73** US Monastir
- AS Douanes **79–54** APR BBC

Kalahari Conference | Nile Conference | Sahara Conference


| Position | Team | GP | W | L | GD | %won |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Rivers Hoopers Basketball Club | 6 | 4 | 2 | 28 | 66 |
| 2 | Association Sportive des Douanes | 6 | 3 | 3 | 24 | 50 |
| 3 | Union Sportive Monastirienne | 6 | 3 | 3 | -13 | 50 |
| 4 | Armée Patriotique Rwandaise | 6 | 2 | 4 | -39 | 33 |











## **Athletics :** Sina Gerard AC na Police AC zegukanye shampiyona y'igihugu

Tariki 11 Gicurasi 2024, kuri Sitade ya Bugesera habereye shampiyona y'igihugu y'imikino ngororamubiri "Rwanda National Track and Field Trials 2024".

Iyi shampiyona yateguwe n'ishyirahamwe ry'imikino ngororamubiri mu Rwanda "RAF" yitabiriwe n'amakipe 10 ari yo Sina Gerard AC, Police AC, NAS AC, APR AC, Nyaruguru AC, Vision Jeunesse Nouvelle AC, Rwamagana AC, Rutsiro AC, UR Huye AC na Kavumu AC.

Abakinnyi basaga 250 bahatanye mu byiciro bitandukanye birimo gutera umuhunda, Gusimbuka umurambararo, gusimbuka inyabutatu, Gutera ingasire, Kujugunya intosho, intera ya 10km, 3km, 200m, 400m, 800m, 1500m na 100m × 4.







## **Cycling :** Mwamikazi Djazilla yegukanye imidali ibiri ya Feza muri Maroc

Tariki 11 na 12 Gicurasi 2024 mu Mujyi wa Casablanca muri Maroc habereye irushanwa ry'umukino w'amagare wo gusiganwa mu misozi "CAC MTB African Championships". Muri iyi mikino u Rwanda rwari rwaserukiwe n'abakinnyi babiri bari mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 23 ari bo Nshutiraguma Kevin mu bahungu na Mwamikazi Djazilla mu bakobwa.

Mu cyiciro cy'abakobwa, Mwamikazi Djazilla yegukanye imidali ibiri ya Feza, harimo uwo yegukanye muri "Cross-Country Short Circuit" n'undi muri "Cross-country Olympic".







# Cycling : Hakinwe umunsi wa 5 wa "Youth Racing Cup 2024"

Tariki 12 Gicurasi 2024 mu Karere ka Rwamagana habereye umunsi wa 5 w'irushanwa ry'abakiri bato mu mukino w'amagare "Youth Racing Cup 2024". Iri rushanwa ritegurwa n'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" rihuza abana bari munsi y'imyaka 19.



**Uko isiganwa ryagenze**

**Mu bahungu**

- **Boys U-11**

**1.** David Zanetti 14'16"
**2.** Happy Joshua Cyusa 14'34"
**3.** Alex Christia Byukasenge 14'39"

- **Boys U-13**

**1.** Sano Francis 17'31"
**2.** Hategeka Clinton 17':33"
**3.** Niyonsenga Bartland 18'30"

- **Boys U-15**

**1.** Cyusa Habumuremyi 28'06"
**2.** Mubarak Byiringiro 28'56"
**3.** Heli Salim 28'57"

- **Boys U-17**

**1.** Emmanuel Shema 40'40"
**2.** Issa Gisubizo 40'40"
**3.** Brian Ishimwe 40'42"

- **Junior Boys (U-19)**

**1.** Dupuy Samuel 48'25"
**2.** Ndrianamampy Juliano 48'25"
**3.** Twagirayezu Didier 49'45"



**Mu bakobwa**

- **Girls U-11**

**1.** Ogila Igiraneza 15'23"
**2.** Uwamahoro Francoise 15'31"
**3.** Rejoice Yanis Imanzi 17'12"

- **Girls U-13**

**1.** Joy Cyenthia Umwamikazi 17':44"
**2.** Teta Tracy Beza 18'57"
**3.** Uwase Mugisha 18'59"



- **Girls U-15**

**1.** Johovair Riza 28'59"
**2.** Joyce Niyibizi 29'01"
**3.** Amina Irasetsa 28'32"

- **Girls U-17**

**1.** Yvonne Masengesho 40'47"
**2.** Nishimwe Gisele 41'32"
**3.** Violette Tuyizere 42'04"

- **Junior Girls (U-19)**

**1.** Charlotte Iragena 49'37"
**2.** Angelique Uwimpuhwe 49'38"
**3.** Emelance Ishimwe 50'07"



RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave